RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

Kigali: 09th December,2024
Ref:RDB/CEO/665/12/2024

# ITANGAZO RIGENEWE ABAFATANYABIKORWA BAKORA IBIJYANYE N'UBUKERARUGENDO HAMWE N'ABAKERARUGENDO MURI RUSANGE

**Ibiciro byihariye byo gusura ingagi mu mwaka wa 2025**

Mu rwego rwo gufasha kuzahuraibikorwa by'ubukerarugendo no guteza imbere ubukerarugendo ku batuye mu Rwanda no mu karere, ibiciro byagabanyijwe ku buryo bukurikira bizagenderwaho kugeza ku ya 31 Ukuboza 2025. Ibi biciro ntibizakurikizwa guhera muri Kamena 2025 kugera mu Kwakira 2025.

| Igikorwa cy'ubukerarugendo | Icyiciro | Igiciro | Ibisabwa |
|---|---|---|---|
| Gusura ingagi muri Parike y'Igihugu y'Ibirunga | Abanyarwanda n'abenegihugu b'ibihugu by'Umuryango wa EAC | $200 | Indangamuntu, Pasiporo, cyangwa Icyemezo cy'amavuko |
| | Abenegihugu b'ibihugu by'Afurika n'abahatuye | $500 | Pasiporo, Icyangombwa cy'aho utuye, Ikarita y'uhagaririye inyungu z'ikindi gihugu (Diplomatic Card), Visa igaragaza gusura cyangwa kuba mu gihugu nibura amezi ane |

Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rukomeje guharanira ukwihuta kw'iterambere ry'ubukerarugendo.

Murakoze,

**Francis Gatare**
**Umuyobozi Mukuru**